

ITEGEKO N° 65/2024 RYO KU WA 20/06/2024 RIGENGA URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure <u>Ingingo ya 3:</u> Icyicaró <u>Ingingo ya 4:</u> Kureberera Urwego <u>UMUTWE WA II:</u> INTEGO, INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N' IMIKORERE, BY'URWEGO <u>Iciviro cya mbere:</u> Intego y' Urwego <u>Ingingo ya 5:</u> Intego y'Urwego <u>Iciviro cya 2:</u> Inshingano z'Urwego	LAW N° 65/2024 OF 20/06/2024 GOVERNING THE CHANCELLERY FOR HEROES, NATIONAL ORDERS AND DECORATIONS OF HONOUR <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Legal personality, independence and autonomy <u>Article 3:</u> Head office <u>Article 4:</u> Supervision of the Chancellery <u>CHAPTER II:</u> MISSION, RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE CHANCELLERY <u>Section one:</u> Mission of the Chancellery <u>Article 5:</u> Mission of the Chancellery <u>Section 2:</u> Responsibilities of the Chancellery	LOI N° 65/2024 DU 20/06/2024 RÉGISSANT LA CHANCELLERIE DES HÉROS, DES ORDRES NATIONAUX ET DES DÉCORATIONS HONORIFIQUES <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2:</u> Personnalité juridique, indépendance et autonomie <u>Article 3 :</u> Siège <u>Article 4 :</u> Tutelle de la Chancellerie <u>CHAPITRE II:</u> MISSION, ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA CHANCELLERIE <u>Section première :</u> Mission de la Chancellerie <u>Article 5 :</u> Mission de la Chancellerie <u>Section 2 :</u> Attributions de la Chancellerie
---	---	--

<u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano z’Urwego <u>Iciviro cya 3:</u> Imitunganganyirize y’Urwego <u>Ingingo ya 7:</u> Abagize Ubuyobozi bw’Urwego <u>Ingingo ya 8:</u> Ishyirwaho ry’Umukuru w’Urwego, manda ye n’ibyo agenerwa <u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z’Umukuru w’Urwego <u>Ingingo ya 10:</u> Ibisabwa ku mwanya w’Umukuru w’Urwego <u>Ingingo ya 11:</u> Impamvu zituma Umukuru w’Urwego ava muri uwo mwanya <u>Ingingo ya 12:</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa <u>Ingingo ya 13:</u> Ishyirwaho ry’abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa <u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano z’Umunyamabanga Nshingwabikorwa	<u>Article 6:</u> Responsibilities of the Chancellery <u>Section 3:</u> Organization of the Chancellery <u>Article 7:</u> Composition of the Management of the Chancellery <u>Article 8:</u> Appointment of the Chancellor, his or her term of office and fringe benefits <u>Article 9:</u> Responsibilities of the Chancellor <u>Article 10:</u> Requirements for being a Chancellor <u>Article 11:</u> Reasons for the cessation of holding office of the Chancellor <u>Article 12:</u> Executive Secretariat <u>Article 13:</u> Appointment of members of the Executive Secretariat <u>Article 14:</u> Responsibilities of the Executive Secretary	<u>Article 6 :</u> Attributions de la Chancellerie <u>Section 3:</u> Organisation de la Chancellerie <u>Article 7 :</u> Composition de la Direction de la Chancellerie <u>Article 8 :</u> Nomination du Chancelier, son mandat et ses avantages <u>Article 9 :</u> Attributions du Chancelier <u>Article 10 :</u> Conditions requises pour être Chancelier <u>Article 11 :</u> Motifs de cessation des fonctions de Chancelier <u>Article 12 :</u> Secrétariat exécutif <u>Article 13 :</u> Nomination des membres du Secrétariat exécutif <u>Article 14 :</u> Attributions du Secrétaire exécutif
---	---	--

<u>Ingingo ya 15:</u> Imishahara n'ibindi bigenerwa abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa <u>Icyiciro cya 4:</u> Imikorere y'Urwego <u>Ingingo ya 16:</u> Imikorere y'Urwego <u>UMUTWE WA III:</u> INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI CYANGWA IMPETA BY'ISHIMWE N'ABARINZI B'IGIHANGO <u>Icyiciro cya mbere:</u> Intwari z'Igihugu <u>Ingingo ya 17:</u> Igisobanuro cy'intwari <u>Ingingo ya 18:</u> Ibiranga intwari n'ibishingirwaho mu igenwa ry'ibyiciro by'Intwari z'Igihugu <u>Ingingo ya 19:</u> Gutangiza ubushakashatsi ku bikorwa by'ubutwari <u>Ingingo ya 20:</u> Kwemeza ushyirwa mu cyiciro cy'Intwari z'Igihugu <u>Ingingo ya 21:</u> Guhindurirwa icyiciro	<u>Article 15:</u> Salaries and other fringe benefits allocated to members of the Executive Secretariat <u>Section 4:</u> Functioning of the Chancellery <u>Article 16:</u> Functioning of the Chancellery <u>CHAPTER III:</u> NATIONAL HEROES, NATIONAL ORDERS OR DECORATIONS OF HONOUR AND PROTECTORS OF FRIENDSHIP PACT <u>Section One:</u> National heroes <u>Article 17:</u> Definition of a hero <u>Article 18:</u> Characteristics of a hero and criteria for determining categories of National Heroes <u>Article 19:</u> Initiating inquiries on heroic acts <u>Article 20:</u> Approval of a person to be classified in the category of National Heroes <u>Article 21:</u> Change of category	<u>Article 15 :</u> Salaires et d'autres avantages accordés aux membres du Secrétariat exécutif <u>Section 4:</u> Fonctionnement de la Chancellerie <u>Article 16 :</u> Fonctionnement de la Chancellerie <u>CHAPITRE III:</u> HÉROS NATIONAUX, ORDRES NATIONAUX OU DÉCORATIONS HONORIFIQUES ET PROTECTEURS DU PACTE D'AMITIÉ <u>Section première :</u> Héros nationaux <u>Article 17 :</u> Définition d'un héros <u>Article 18 :</u> Caractéristiques d'un héros et critères de détermination des catégories de héros nationaux <u>Article 19 :</u> Ouvrir des enquêtes sur des actes héroïques <u>Article 20 :</u> Approbation d'une personne à classer dans la catégorie des héros nationaux <u>Article 21 :</u> Changement de catégorie
---	---	---

<u>Ingingo ya 22:</u> Kwamburwa izina ry'intwari	<u>Article 22:</u> Dispossession of the hero status	<u>Article 22 :</u> Déchéance de la qualité de héros
<u>Icyiciro cya 2:</u> Umudari cyangwa impeta by'ishimwe	<u>Section 2:</u> National order or decoration of honour	<u>Section 2 :</u> Ordre national ou décoration honorifique
<u>Ingingo ya 23:</u> Igisobanuro n'ibishingirwaho mu itangwa ry'umudari cyangwa impeta by'ishimwe	<u>Article 23:</u> Definition and criteria in awarding of a national order or decoration of honour	<u>Article 23 :</u> Définition et critères d'attribution d'un ordre national ou une décoration honorifique
<u>Ingingo ya 24:</u> Ishyirwaho ry'imidari cyangwa impeta by'ishimwe n'ibyiciro byayo	<u>Article 24:</u> Establishment of national orders or decorations of honour and their categories	<u>Article 24 :</u> Institution des ordres nationaux ou décorations honorifiques et leurs catégories
<u>Ingingo ya 25:</u> Gutangiza ubushakashatsi ku muntu ukwiye guhabwa umudari cyangwa impeta by'ishimwe	<u>Article 25:</u> Initiating inquiries on a person who deserves to be a recipient of a national order or decoration of honour	<u>Article 25 :</u> Ouverture d'enquêtes sur une personne méritant d'être récipiendaire d'un ordre national ou d'une décoration honorifique
<u>Ingingo ya 26:</u> Kwemeza uhabwa umudari cyangwa impeta by'ishimwe n'icyiciro ashwirwamo	<u>Article 26:</u> Approval of a recipient of a national order or a decoration of honour and the category he or she is classified in	<u>Article 26 :</u> Approbation d'un récipiendaire d'un ordre national ou d'une décoration honorifique et la catégorie dans laquelle il est classé
<u>Ingingo ya 27 :</u> Guhindurirwa icyiciro	<u>Article 27:</u> Change of category	<u>Article 27 :</u> Changement de catégorie
<u>Ingingo ya 28:</u> Kwamburwa umudari cyangwa impeta by'ishimwe	<u>Article 28:</u> Dispossession of a national order or decoration of honour	<u>Article 28 :</u> Dépossession d'un ordre national ou d'une décoration honorifique
<u>Icyiro cya 3:</u> Abarinzi b'igihango	<u>Section 3:</u> Protectors of friendship pact	<u>Section 3 :</u> Protecteurs du pacte d'amitié
<u>Ingingo ya 29:</u> Gutoranya no kwemeza abarinzi b'igihango	<u>Article 29:</u> Selection and approval of protectors of friendship pact	<u>Article 29 :</u> Sélection et approbation des protecteurs du pacte d'amitié

<u>UMUTWE WA IV : IMARI N'UMUTUNGO</u> <u>Ingingo 30:</u> Imari, umutungo n'inkomoko yabyo <u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u> <u>Ingingo ya 31:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 32:</u> Ingingo ivanaho <u>Ingingo ya 33:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>CHAPTER IV: FINANCE AND PROPERTY</u> <u>Article 30:</u> Finance, property and their sources <u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u> <u>Article 31:</u> Language provision <u>Article 32:</u> Repealing provision <u>Article 33:</u> Entry into force	<u>CHAPITRE IV : FINANCES ET PATRIMOINE</u> <u>Article 30 :</u> Finances, patrimoine et leurs sources <u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u> <u>Article 31 :</u> Disposition linguistique <u>Article 32 :</u> Disposition abrogatoire <u>Article 33 :</u> Entrée en vigueur
---	--	---

ITEGEKO N° 65/2024 RYO KU WA 20/06/2024 RIGENGA URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE	LAW N° 65/2024 OF 20/06/2024 GOVERNING THE CHANCELLERY FOR HEROES, NATIONAL ORDERS AND DECORATIONS OF HONOUR	LOI N° 65/2024 DU 20/06/2024 RÉGISSANT LA CHANCELLERIE DES HÉROS, DES ORDRES NATIONAUX ET DES DÉCORATIONS HONORIFIQUES
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	We, KAGAME Paul, President of the Republic;	Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA	LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	THE PARLIAMENT:	LE PARLEMENT :
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 24 Gicurasi 2024;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 24 May 2024;	La Chambre des Députés, en sa séance du 24 mai 2024 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64 n'iya 140;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64 and 140;	Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64 et 140 ;
Isubiye ku Itegeko n° 13 bis/2009 ryo ku wa 16/06/2009 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe nk'uko ryahinduwe;	Having reviewed Law n° 13 bis/2009 of 16/06/2009 determining the responsibilities, structure and functioning of the Chancellery for Heroes, National Orders and Decorations of Honour as amended;	Revu la Loi n° 13 bis/2009 du 16/06/2009 portant attributions, structure et fonctionnement de la Chancellerie des Héros, des Ordres Nationaux et des Décorations Honorifiques telle que modifiée ;

YEMEJE: <u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u> <u>Ingingo va mbere:</u> icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigena inshingano, imitunganyirize n'imikorere by'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, rwitwa "Urwego". Rigenga kandi ibyerekeye uburyo bwo guhitamo abagirwa intwari z'Igihugu, abahabwa imidari n'impeta by'ishimwe n'abagirwa abarinzi b'igihango. <u>Ingingo va 2:</u> Ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure Urwego rufite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere, mu micungire y'abakozi, imari n'umutungo. <u>Ingingo va 3:</u> icyicaro (1) icyicaro cy'Urwego kiri mu Murwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda.	ADOPTS: <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law determines the mission, organisation and functioning of the Chancellery for Heroes, National Orders and Decorations of Honour, referred to as "Chancellery". It also governs modalities for selecting national heroes, recipients of National Orders and Decorations of Honour and protectors of friendship pact. <u>Article 2:</u> Legal personality, independence and autonomy The Chancellery has legal personality, is independent and enjoys administrative and financial autonomy, human resources management, finances and assets. <u>Article 3:</u> Head office (1) The Chancellery's head office is located in the Capital of the Republic of Rwanda.	ADOPTÉ : <u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u> <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi détermine la mission, l'organisation et le fonctionnement de la Chancellerie des Héros, des Ordres Nationaux et des Décorations Honorifiques, dénommée « Chancellerie ». Elle régit également les modalités de sélection des héros nationaux, des récipiendaires des Ordres Nationaux et des Décorations Honorifiques et des protecteurs du pacte d'amitié. <u>Article 2 :</u> Personnalité juridique, indépendance et autonomie La Chancellerie est dotée de la personnalité juridique, est indépendante et jouit d'une autonomie administrative et financière, ressources humain, gestion de finances et biens. <u>Article 3 :</u> Siège (1) La Chancellerie a son siège dans la Capitale de la République du Rwanda.
---	---	--

(2) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kwemeza ko icyicaro cy'Urwego cyimurirwa ahandi mu Gihugu cyangwa ko hashyirwaho amashami y'Urwego igihe bibaye ngombwa. <u>Ingingo ya 4: Kureberera Urwego</u> Urwego rurebererwa na Minisitiri ifite umuco mu nshingano. Icyakora, ibyerekeranye n'intwari z'Igihugu, imidari cyangwa impeta by'ishimwe biri mu bubasha bwa Perezida wa Repubulika. <u>UMUTWE WA II: INTEGO, INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE, BY'URWEGO</u> <u>Icyiciro cya mbere: Intego y'Urwego</u> <u>Ingingo ya 5: Intego y'Urwego</u> Urwego rufite intego yo kugaragaza no gushimira Abanyarwanda cyangwa Abanyamahanga baranzwe n'ubutwari n'ibindi bikorwa bihebuje.	(2) An Order of the Prime Minister may approve the relocating the head office of the Chancellery to another location in the national territory or the creation of branches of the Chancellery. <u>Article 4: Supervision of the Chancellery</u> The Chancellery is supervised by the Ministry in charge of culture. However, matters related to national heroes, national orders or decorations of honour are within the powers of the President of the Republic. <u>CHAPTER II: MISSION, RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE CHANCELLERY</u> <u>Section one: Mission of the Chancellery</u> <u>Article 5: Mission of the Chancellery</u> The mission of the Chancellery is to identify and recognize Rwandans or foreigners characterized by heroic acts and other outstanding deeds.	(2) Un arrêté du Premier Ministre peut approuver le transfert du siège de la Chancellerie vers un autre lieu du territoire national ou la création de branches de la Chancellerie. <u>Article 4 : Tutelle de la Chancellerie</u> La Chancellerie est placée sous tutelle du Ministère ayant la culture dans ses attributions. Toutefois, les matières relatives aux héros nationaux, aux ordres nationaux ou aux décorations honorifiques relèvent des pouvoirs du Président de la République. <u>CHAPITRE II : MISSION, ATTRIBUTIONS, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE LA CHANCELLERIE</u> <u>Section première : Mission de la Chancellerie</u> <u>Article 5 : Mission de la Chancellerie</u> La mission de la Chancellerie est d'identifier et de remercier les Rwandais ou les étrangers qui se sont distingués par des actes d'héroïsme et d'autres actions exceptionnelles.
--	---	--

<u>Icyiciro cya 2: Inshingano z'Urwego</u>	<u>Section 2: Responsibilities of the Chancellery</u>	<u>Section 2 : Attributions de la Chancellerie</u>
<u>Ingingo ya 6: Inshingano z'Urwego</u>	<u>Article 6: Responsibilities of the Chancellery</u>	<u>Article 6 : Attributions de la Chancellerie</u>
Urwego rufite inshingano zikurikira:	The Chancellery has the following responsibilities:	La Chancellerie a les attributions suivantes :
(a) kugira uruhare mu gutegura politiki yerekeye intwari z'Igihugu n'itangwa ry'imidari cyangwa impeta by'ishimwe;	(a) to participate in designing the policy relating to national heroes and to awarding of the national orders or decorations of honour;	(a) contribuer à l'élaboration de la politique relative aux héros nationaux et à l'attribution des ordres nationaux ou des décorations honorifiques;
(b) gukora ubushakashatsi ku bikorwa by'ubutwari n'abavugwaho ubutwari n'ibindi bikorwa by'ingirakamaro;	(b) to carry out inquiries on heroic acts and persons reported to have performed heroic acts and other useful deeds;	(b) faire des enquêtes sur les actes d'héroïsme et sur des personnes réputées avoir accompli des actes d'héroïsme et d'autres actes utiles;
(c) gukora ubushakashatsi ku bakoze ibikorwa bishyigikira ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda bakwiye kugirwa abarinzi b'igihango;	(c) to carry out inquiries on those who promoted unity and resilience among Rwandans who deserve to be protectors of friendship pact;	(c) faire des enquêtes sur ceux qui sont reconnues pour leurs actes qui font la promotion de l'unité et de la résilience éligibles pour devenir les protecteurs du pacte d'amitié;
(d) kwakira no gusuzuma raporo zatanze n'Uturere ku batoranyijwe ngo bagirwe abarinzi b'igihango;	(d) to receive and examine reports submitted by Districts on persons selected to be protectors of friendship pact;	(d) recevoir et examiner les rapports soumis par les Districts sur les personnes sélectionnées pour devenir les protecteurs du pacte d'amitié;
(e) kugaragaza abakwiye kugirwa intwari z'Igihugu no guhabwa imidari cyangwa impeta by'ishimwe;	(e) to identify those who deserve to be national heroes and to receive national orders or decorations of honour;	(e) identifier ceux qui méritent d'être nommés héros nationaux et de recevoir

(f) gutegura uburyo bwo gushimira Abanyarwanda n'abanyamahanga baranzwe n'ibikorwa by'ubutwari n'ibindi bikorwa by'ingirakamaro kandi bihebuje; (g) kwamamaza ibikorwa by'ubutwari no guteza imbere indangagaciro z'umuco w'ubutwari; (h) gutegura no kwizihiza umunsi w'Intwari z'Igihugu ku bufatanye n'izindi nzego; (i) gucunga no kubungabunga ibicumbi by'Intwari aho biri mu Gihugu; (j) gukorana n'izindi nzego bihuje inshingano ku rwego rw'Akarere cyangwa ku rwego Mpuzamahanga. <u>Icyiciro cya 3: Imitunganganyirize y'Urwego</u> <u>Ingingo ya 7: Abagize Ubuyobozi bw'Urwego</u> Ubuyobozi bw'Urwego bugizwe n'aba bakurikira bakora ku buryo buhoraho:	(f) to establish mechanisms for recognizing Rwandans and foreigners characterized by heroic acts and other outstandingly useful deeds; (g) to promote acts of bravery and develop values of the culture of heroism; (h) to organize and celebrate national Heroes' day in collaboration with other organs; (i) to manage and preserve Heroes' mausoleums in the country; (j) to collaborate with other regional or international institutions with a similar mission. <u>Section 3: Organization of the Chancellery</u> <u>Article 7: Composition of the Management of the Chancellery</u> The Management of the Chancellery is made up of the following full-time members:	des ordres nationaux ou des décorations honorifiques; (f) mettre en place des mécanismes visant à remercier les Rwandais et les étrangers qui se sont distingués par des actes d'héroïsme et d'autres actes exceptionnellement utiles; (g) faire la promotion des actes de bravoure et développer les valeurs de la culture de l'héroïsme; (h) organiser et célébrer la Journée Nationale des Héros en collaboration avec d'autres organes; (i) gérer et préserver les mausolées des héros dans le pays; (j) collaborer avec d'autres institutions régionales ou internationales ayant une mission similaire. <u>Section 3 : Organisation de la Chancellerie</u> <u>Article 7 : Composition de la Direction de la Chancellerie</u> La Direction de la Chancellerie est composée de membres suivants qui travaillent à temps plein :
---	---	--

(a) Umukuru w’Urwego; (b) Umunyamabanga Nshingwabikorwa. <u>Ingingo ya 8: Ishyirwaho ry’Umukuru w’Urwego, manda ye n’ibyo agenerwa</u> (1) Umukuru w’Urwego ashwirwaho n’Iteka rya Perezida amaze kwemezwa na Sena. (2) Umukuru w’Urwego agira manda y’imyaka itanu ishobora kongerwa inshuro imwe. (3) Iteka rya Perezida rigena umushahara n’ibindi bigenerwa Umukuru w’Urwego. <u>Ingingo ya 9: Inshingano z’Umukuru w’Urwego</u> Umukuru w’Urwego afite inshingano zikurikira: (a) guhuza, gukurikirana no kuyobora imirimo y’Urwego; (b) gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’inshingano, ibyemezo n’ibyifuzonama by’Urwego n’ibyifuzonama Urwego rwahawe n’izindi nzego;	(a) the Chancellor; (b) the Executive Secretary. <u>Article 8: Appointment of the Chancellor, his or her term of office and fringe benefits</u> (1) The Chancellor is appointed by a Presidential Order after approval by the Senate. (2) The Chancellor serves for a term of office of five years renewable once. (3) A Presidential Order determines the salary and other fringe benefits allocated to the Chancellor. <u>Article 9: Responsibilities of the Chancellor</u> The Chancellor has the following responsibilities: a) to coordinate, monitor and lead the activities of the Chancellery; b) to monitor the execution of the responsibilities, decisions and recommendations of the Chancellery,	(a) le Chancelier; (b) le Secrétaire exécutif. <u>Article 8 : Nomination du Chancelier, son mandat et ses avantages</u> (1) Le Chancelier est nommé par arrêté présidentiel après approbation du Sénat. (2) Le Chancelier a un mandat de cinq ans renouvelable une fois. (3) Un arrêté présidentiel détermine le salaire et d’autres avantages alloués au Chancelier. <u>Article 9 : Attributions du Chancelier</u> Le Chancelier a les attributions suivantes : a) coordonner, contrôler et diriger les activités de la Chancellerie; b) faire le suivi de l’exécution des attributions, des décisions et des recommandations de la Chancellerie, ainsi que des recommandations qui
---	---	--

Official Gazette n° Special of 28/06/2024

(c) guhagararira Urwego imbere y'amategeko no kurubera umuvugizi; (d) gutanga raporo z'Urwego ku nzego bireba. <u>Ingingo ya 10: Ibisabwa ku mwanya w'Umukuru w'Urwego</u> Umukuru w'Urwego agomba kuba: (a) ari Umunyarwanda; (b) ari inyangamugayo; (c) azwiho kugira ubushishozi n'ubushobozi bwo kurangiza inshingano ze; (d) atarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka; (e) kuba atarahamwe n'icyaha cya jenocide cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenocide n'ibyaha bifatanye isano nayo.	and the recommendations made to the Chancellery by other organs; c) to serve as the legal representative and spokesperson of the Chancellery; d) to submit reports of the Chancellery to the relevant organs. <u>Article 10: Requirements for being a Chancellor</u> The Chancellor must: (a) be a Rwandan national; (b) be a person of integrity; (c) be known for possessing foresight and abilities to fulfil his or her duties; (d) not to have been definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six months; (e) not to have been found guilty of the crime of genocide, the crime of genocide ideology and related crimes.	lui sont adressées par d'autres organes; c) être le représentant légal et le porte-parole de la Chancellerie; d) soumettre les rapports de la Chancellerie aux organes concernés. <u>Article 10 : Conditions requises pour être Chancelier</u> Le Chancelier doit : (a) être de nationalité rwandaise ; (b) être une personne intègre ; (c) être connu pour sa clairvoyance et ses capacités nécessaires à l'exercice de ses fonctions; (d) n'avoir pas été condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six mois; (e) n'avoir pas été reconnu coupable du crime de génocide, du crime d'idéologie de génocide et infractions connexes.
---	---	--

<u>Ingingo ya 11: Impamvu zituma Umukuru w'Urwego ava muri uwo mwanya</u>	<u>Article 11: Reasons for the cessation of holding office of the Chancellor</u>	<u>Article 11 : Motifs de cessation des fonctions de Chancelier</u>
Umukuru w'Urwego ava muri uwo mwanya iyo – (a) manda irangiye; (b) ahawe indi mirimo; (c) afite uburwayi bumubuza kuzuzanya inshingano ze, byemejwe na muganga wemewe na Leta; (d) atacyujwe ibyashyirwaho; (e) yeguye ku mirimo ye akoresheje inyandiko. Umukuru w'Urwego weguye ku mirimo ye ashakiriza mu nyandiko Perezida wa Repubulika ubwegure bwe. Iyo Perezida wa Repubulika atagize icyo abivugaho mu gihe cy'iminsi 30 ibarwa uhereye igihe yashyikirijwe inyandiko y'ubwegure, ubwegure bufatwa nk'ubwemewe ; (f) cyangwa apfuye.	The Chancellor ceases to hold office if – (a) his or her term of office expires; (b) he or she is assigned other duties; (c) he or she suffers from an illness which prevents him or her from discharging his or her duties, as confirmed by a State recognized medical doctor; (d) he or she no longer satisfies the requirements for his or her appointment; (e) he or she resigns in writing. The Chancellor who resigns tenders his or her resignation in writing to the President of the Republic. If the President of the Republic is silent for 30 days as of the receipt of written resignation, the resignation is considered accepted; or (f) he or she dies.	Le Chancelier cesse d'exercer ses fonctions lorsque – (a) son mandat expire; (b) il est affecté à d'autres fonctions; (c) il souffre d'une maladie qui l'empêche d'exercer ses fonctions, attestée par un médecin agréé par l'État ; (d) il ne remplit plus les conditions de sa nomination; (e) il démissionne par écrit. Le Chancelier démissionnaire présente sa démission par écrit au Président de la République. Lorsque le Président de la République ne se prononce pas dans un délai de 30 jours à compter de la réception de la démission par écrit, la démission est réputée acceptée ; ou (f) il décède.

<u>Ingingo ya 12 : Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u> Ubunyamabanga Nshingwabikorwa ni urwego rwa tekini rugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi b'Urwego. <u>Ingingo ya 13 : Ishyirwaho ry'abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u> (1) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego ashirwaho n'Iteka rya Perezida. (2) Abakozi b'Urwego bashakwa kandi bagacungwa hakurikijwe sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'andi mategeko abigenga. (3) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'Urwego. <u>Ingingo ya 14 : Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa</u> Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego afite inshingano zikurikira:	<u>Article 12: Executive Secretariat</u> The Executive Secretariat is a technical organ comprised of the Executive Secretary and other staff members of the Chancellery. <u>Article 13: Appointment of members of the Executive Secretariat</u> (1) The Executive Secretary of the Chancellery is appointed by a Presidential Order. (2) Staff members of the Chancellery are recruited and managed in accordance with the general statute governing public servants and other relevant-legislation. (3) An Order of the Prime Minister determines the organisational structure of the Chancellery. <u>Article 14: Responsibilities of the Executive Secretary</u> The Executive Secretary of the Chancellery has the following responsibilities:	<u>Article 12 : Secrétariat exécutif</u> Le Secrétariat exécutif est un organe technique composé du Secrétaire exécutif et d'autres membres du personnel de la Chancellerie. <u>Article 13 : Nomination des membres du Secrétariat exécutif</u> (1) Le Secrétaire exécutif de la Chancellerie est nommé par un arrêté présidentiel. (2) Les membres du personnel de la Chancellerie sont recrutés et gérés conformément au statut général régissant les agents de l'État et aux autres législation en la matière. (3) Un arrêté du Premier Ministre détermine le cadre organique de la Chancellerie. <u>Article 14 : Attributions du Secrétaire exécutif</u> Le Secrétaire exécutif de la Chancellerie a les attributions suivantes :
--	--	--

